Republic of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MATA 2026

**10 GICURASI 2026**

*NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

# 1 IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## 1.1. Ibiciro mu mijyi

Muri Mata 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereye 13% ugereranyije na Mata 2025. Muri Werurwe 2026 byari byiyongereyeho 9,2%.

Muri Mata 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 17,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 21,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 70%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 23,7% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,5%.

Ugereranyije Mata 2026 na Werurwe 2026, ibiciro byiyongereyeho 4,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 15,1%.

Ugereranyije Mata 2026 na Mata 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 12,5%.

## 1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Mata 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,6% ugereranyije na Mata 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2026 byari byiyongereyeho 6,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mata 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 23,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 36,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,2%.

Ugereranyije Mata 2026 na Werurwe 2026, ibiciro byiyongereyeho 6,8%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 15,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 33,3%.

## 1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Mata 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 11,5% ugereranyije na Mata 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2026 byari byiyongereyeho 7,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mata 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 22,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 26,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,1%.

Ugereranyije Mata 2026 na Werurwe 2026, ibiciro byiyongereyeho 5,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 11,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 19,2%.

***Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2025 kugeza muri Mata 2026.***

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 | | | | | | | | | 2026 | | | |
| | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 | 9,2 | 13,0 |
| Mu byaro | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 | 6,7 | 10,6 |
| Mu Rwanda | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 | 7,7 | 11,5 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 | 1,3 | 4,7 |
| Mu byaro | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 | 1,9 | 6,8 |
| Mu Rwanda | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 | 1,7 | 5,9 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

+250 788 38 3103
www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw